


NONEHO NIMWUMVE IBI!





Icyigisho cya 7 cyo ku wa 14 Ugushyingo 2026















"Ibyo byababereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kuduhugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe" (1 Abakorinto 10:11)





Abahanuzi bo muri Bibiliya bererezaga amahame y'imicombonera, bakayobora abantu ku kwiyegurira Imana, bakababurira ku by'icyaha, kandi bagatanga ihumure n'inkomezi.

Ababategaga amatwi kandi bakemera ubutumwa bwabo bungukaga byinshi.

Urugero, ni ibyabaye kuri Asa (2 Ngoma 15:1–8), Yehoshafati (2 Ngoma 20:14–23), cyangwa Amasiya (2 Ngoma 25:7–10).

Ariko ikibabaje nuko ibyo atari byo byari imyitwarire rusange mu bwoko bwa Isirayeli. Akenshi ubutumwa bw'abahanuzi bwarangwaga. Muri iki gihe, Imana iracyavuga binyuze ku bahanuzi bayo.

Nitwara nte ku butumwa bwabo?



- Kwanga intumwa
- Kwanga ubutumwa
  - Gukerensa
  - Kwinangira
  - Uburyarya
- Gushyira mu ngiro

KWANGA INTUMWA



"Abisirayeli bose bitotombera Mose na Aroni [...] Yosuwa mwene Nuni na Kalebu mwene Yefune bari mu mubare w'abatase icyo gihugu, bashishimura imyenda yabo: babwira iteraniro ry'Abisirayeli ryose [...] Iteraniro ryose ritegeka ko babicisha amabuye" (Kubara 14:2-10)







Ku nkengero y'igihugu cy'isezerano, hashyizweho abatasi bo kugitata. Inkuru bazanye yavugaga ko icyo gihugu cyari cyiza nk'uko Imana yari yarabivuze (Kubara 13:27). Ariko hongeweho ubutumwa buca intege (Kubara 13:28, 31). Hanyuma Imana ivugira muri Kalebu kugira ngo ibatere umwete wo kucyigarurira (Kubara 13:30).

Nyuma y'ijoro ryo kubitekerezaho, abantu bafashe umwanzuro: kwanga intumwa z'Imana zari zarabayoboye (Kubara 14:1–4). Ubwo Yosuwa na Kalebu basubiragamo amagambo yo kubatera umwete, bahisemo kubatera amabuye (Kubara 14:6–10).

Nyuma y'ibyo, izindi ntumwa nyinshi nazo zaranzwe (2 Ngoma 25:15–16; Amosi 7:10–13).

Ni iki cyatumye babanga? Ubutumwa bazanye buvuye ku Mana ntibwahuraga n'ibyo bari biteze, kandi ntibashakaga no kureka imibereho yabo y'icyaha.



KWANGA UBUTUMWA



GUKERENSA

"Yehudi amaze gusoma ibisate bitatu cyangwa bine, umwami abicisha icyuma abijugunya mu muriro wo mu ziko, abigenza atyo kugeza ubwo umuzingo wose washiriye mu muriro wo mu ziko"
(Yeremiya 36:23)

Mu gihe cy'Umwami Yehoyakimu, abantu bakoze ibyaha bikomeye. Imana yategetse Yeremiya kwandika umuzingo uriho ubutumwa bw'ubuhanuzi kugira ngo umwami n'abajyanama be baburirwe kandi bihane bareke inzira zabo mbi (Yeremiya 36:1–3).


Ariko Yehoyakimu yarabusuzuguye, aburimbura ajugunya umuzingo mu muriro, nubwo hari bake bamwingingiye kudahirahira abikora (Yeremiya 36:21–25).

Kubera ibyo, Yehoyakimu yahanuriwe ubuhanuzi bukarishye, kandi ubutumwa bwari bwaratwitswe bwandikwa bundi bushya, bwāgūwe (Yeremiya 36:27–31).



Dushobora gutekereza ko iyo tudasomye Bibiliya, dushobora gukora icyo dushaka cyose tugatunganirwa. Nyamara iyo twirengagije imiburo y'Imana, dusarura ingaruka z'ibyaha n'ubuhenebere bwacu.





KWINANGIRA

"Kandi agomera Umwami Nebukadinezari yari yamurahirije Imana, ahubwo agamika ijosi, yinangira umutima ngo adahindukirira Uwiteka Imana ya Isirayeli." (2 Ngoma 36:13)



Sedekiya, ari we mwami wa nyuma w'u Buyuda, yarahiriye kuyoboka Babuloni, ariko arenga ku isezerano rye. Kenshi yanze kwakira ubutumwa bw'umuburo Imana yamuhaye binyuze muri Yeremiya (2 Ngoma 36:12).

Igihe Yerusalemu yari igoswe n'ingabo za Babuloni, Sedekiya yahamagaye Yeremiya ngo amuhe ubutumwa buturutse ku Mana (Yeremiya 38:1).



Ubutumwa bwari busobanutse neza: ishyire mu maboko ya Babuloni, ukize ubuzima bwawe, n'ubwa Yerusalemu (Yeremiya 38:17–23). Ariko Sedekiya yanze ubwo butumwa. Kwinangira kwe kwatumye Yerusalemu irimbuka (2 Ngoma 36:13).



Imana yamaze imyaka cumi n'umwe imugezaho ubutumwa bw'ibyiringiro aramutse yihannye agahindura inzira ze. Hari n'ubwo yabyakiraga neza, ariko ntakore amavugurura arambye (Yeremiya 34:8–11).

UBURYARYA

"Nuko rero ibyo bababwira byose mubikore mubiziririze, ariko imigenzo yabo mwe kuyikurikiza kuko ibyo bavuga atari byo bakora." (Matayo 23:3)



Kuki Yesu yise Abafarisayo indyarya?

Kuko babwirizaga ibintu runaka, bagakora ibihabanye nabyo (Matayo 23:3)

Kuko bakoreraga abandi imitwaro iremereye, ariko bo ubwabo bakanga kuyikorera (Matayo 23:4)

Kuko ibyo bakoraga byose byari ibyo kwiyerekana gusa, kugira ngo babonwe n'abandi (Matayo 23:5)

Kuko bakundaga guhabwa icyubahiro, ariko bo ntibubahe abandi (Matayo 23:6–7, 11–12)

Kuko bashimagizaga abahanuzi, ariko bakanga kumvira ubutumwa batanze (Matayo 23:29–31)

Kuko bavugaga ko bakorera Imana, nyamara bagashaka kwica ababagezagaho ubutumwa bwayo (Matayo 23:34)

Amagambo Yesu yabwiye Abafarisayo b'indyarya yandikiwe kugira ngo twirinde kubakurikiza, tureke imyitwarire cyangwa ibitekerezo ibyo ari byo byose byatuma twanga ubutumwa Imana iduha.

GUSHYIRA MU NGIRO



"Ibyo byababereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kuduhugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe" (1 Abakorinto 10:11)

Uwitwa Joriji Santayana yaravuze ati "Abatibuka ibyahise baciriweho iteka ryo kubisubiramo".

Uburyo abantu babanyemo n'Imana—bwaba bwiza cyangwa bubi—ntibukwiriye kwirengagizwa cyangwa gufatwa nk'ubudafite agaciro.


Akenshi ibyahise biba intangiriro y'ibizaza. Ibyahise bikunze gushyiraho ishingiro ry'ibiri kuba ubu n'ibizabaho mu gihe kizaza.

Nitwita ku miburo y'Ibyanditswe Byera n'ubutumwa Imana itwoherereza binyuze mu bahanuzi bayo, ntituzasubiramo amakosa y'ibihe byashize (1 Abakorinto10:11).



"Mwizere Uwiteka Imana yanyu mubone gukomezwa, mwizere n'abahanuzi bayo mubone kugubwa neza."


(2 Ngoma 20:20)



“Umwuka wo kurwanya gucyahwa watumye Yeremiya atotezwa kandi agashyirwa mu nzu y’imbohe, uracyariho na n’ubu. Abantu benshi banga kumvira imiburo isubirwamo kenshi, ahubwo bagahitamo gutega amatwi abigishabinyoma bashimagiza ubupfapfa bwabo kandi bakirengagiza ubukozi bw’ibibi bwabo. Mu munsi w’amakuba bene abo ntibazagira ubuhungiro bw’ukuri kandi nta bufasha buvuye mu ijuru bazabona. Abagaragu Imana yatoranyije bakwiriye guhangana n’ibigeragezo n’imibabaro bibageraho binyuze mu kunengwa, gusuzugurwa no kuvugwa uko batari, bafite ubutwari no kwihangana. Bakwiriye gukomeza gukora badakebakeba umurimo Imana yabahaye ngo bakore, bagahora bibuka ko abahanuzi ba kera ndetse n’Umukiza w’abantu n’abigishwa Be nabo bihanganiye guhohoterwa no gutotezwa bazira Ijambo ry’Imana.”

E.G. White, *Abahanuzi n’Abami*, p. 398


UMUGEREKA: AMAYEREKWA YA ELINA G. WHITE



Amayerekwa Elina G. White yaherewe mu ruhame yaherekezwaga n’ibintu bidasanzwe: ntiyahumekaga; amaso ye yagumaga afunguye; yagendaga atazi na gato ibiri kuba iruhande rwe; ...



Nubwo hari abamushinje kubyikoresha, ntiyari afite ubushobozi bwo kugena igihe yinjirira mu iyerekwa, cyangwa igihe arisohokeramo.



Ubwo Elina yinjiraga mu iyerekwa, Jemusi White yasabye abari aho kumusuzuma, hagamijwe gukuraho gushidikanya kose abamurwanyaga bashoboraga kuba bafite ku bijyanye n’inkomoko yaryo idasanzwe, no gukomeza abari baramwizeye.

Abamushinjaga kwikoresha kuyobya ubwenge batangajwe no kubona ko koko atahumekaga, maze bahunga bafite ubwoba bwinshi bava aho iryo yerekwa ryaberaga.